RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'Amakuru y'Imikino yaranze icyumweru

**2022** Taliki 09-15 Nzeri



P1. Cricket: Ikipe y'u Rwanda yabonye itike y'igikombe cy'Isi

# Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **Cricket:** Ikipe y'u Rwanda yabonye itike y'igikombe cy'Isi

P2 **Football:** Uko imikino ya shampiyona y'umunsi wa gatatu yagenze

P2 **Football:** Uko amakipe ahagarariye u Rwanda yitwaye mu mikino ibanza y'Afurika

P3 **Basketball:** REG BBC yegukanye igikombe mu bagore, Patriots na REG BBC zisigaje undi mukino

P4 **Athletics:** Ikipe ya APR AC na Sina Gérard AC zegukanye shampiyona y'imikino Ngororamubiri

P5 **ARPST:** Uko imikino ya shampiyona y'Abakozi yagenze

# **Cricket:** Ikipe y'u Rwanda yabonye itike y'igikombe cy'Isi

Ikipe y'u Rwanda mu bakobwa batarengeje imyaka 19 mu mukino wa Cricket yanditse amateka ibona itike yo kuzitabira imikino ya nyuma y'igikombe cy'Isi mu batarengeje imyaka 19 "ICC U-19 Women's T20 World Cup 2023" izabera muri Afurika y'Epfo muri Mutarama 2023.

Ibi ikipe y'u Rwanda yabigezeho nyuma yo gutsinda ku mukino wa nyuma ikipe ya Tanzania mu mikino y'Afurika yo gushaka itike "ICC U-19 Women's T20 World Cup Africa Qualifiers 2022" yaberaga i Gaborone muri Botswana kuva taliki 03 kugeza 12 Nzeri 2022.

Muri uyu mukino, ikipe ya Tanzania ni yo yabanje gukubita agapira ishaka amanota "Batting" maze ubwo yari imaze gukora amanota 84 mu dupira 108 (Overs 18) abakinnyi 10 basohowe mu kibuga (10 Wickets).
Ikipe y'u Rwanda yatangiye gukubita agapira na yo ishaka amanota "Batting" aho yasabwaga 85 ngo yegukane intsinzi. Iyi kipe y'u Rwanda yitwaye neza kuko mu dupira 94 (Overs 15.4) yari imaze gukora amanota 86 ihita yegukana intsinzi ndetse inakora amateka yo kubona itike y'igikombe cy'Isi.

Kuva umukino wa Cricket watangira gukinwa mu Rwanda muri 2000 ni inshuro ya mbere ikipe y'u Rwanda igiye kwitabira irushanwa iryo ari ryo ryose ku rwego rw'Isi.

**Inzira ikipe y'u Rwanda yanyuzemo**

Iyi mikino yo gushaka itike "ICC U-19 Women's T20 World Cup Africa Qualifiers 2022" yitabiriwe n'amakipe 9 aho yashyizwe mu matsinda abiri. Itsinda A ryari rigizwe n'u Rwanda, Nigeria, Malawi, Mozambique na Tanzania naho itsinda B rigizwe na Botswana, Namibia, Sierra Leone na Uganda.

Muri buri tsinda amakipe yakinnye hagati yayo hanyuma abiri ya mbere akomeza muri ½. Mu itsinda A hazamutse Tanzania n'u Rwanda naho mu itsinda B hazamuka Uganda na Namibia.

Mu mikino y'amajonjora, ikipe y'u Rwanda yatsinze ku mukino wa mbere Nigeria amanota 79 kuri 70, itsinda Malawi amanota 197 kuri 42 inatsinda kandi Mozambique amanota 259 kuri 36 nyuma itsindwa na Tanzania 115 ku 114. Muri ½, ikipe y'u Rwanda yatsinze Uganda amanota 97 kuri 41. Ku mukino wa nyuma, ikipe y'u Rwanda itsinda Tanzania.

**Ikipe y'u Rwanda iri mu itsinda B mu gikombe cy'Isi**

Imikino y'igikombe cy'Isi "ICC U-19 Women's T20 World Cup 2023" izitabirwa n'ibihugu 16 ari byo South Africa izakira irushanwa, Australia, Bangladesh, England, India, Ireland, New Zealand, Pakistan, Sri Lanka, USA, West Indies, Zimbabwe, Indonesia, United Arab Emirates, Scotland n'u Rwanda.

Ikipe y'u Rwanda izakina n' u Bwongereza, Pakistan na Zimbabwe.








Taliki 15 Nzeri, Minisitiri wa Siporo Hon. Aurore Mimosa Munyangaju yakiriye iyi kipe ayishimira kuba yarahesheje ishema u Rwanda ikabona itike yo kuzakina igikombe cy'Isi nyuma yo gutwara igikombe cy'Afurika mu batarengeje imyaka 19 .

##  **Football:** Uko imikino ya shampiyona y'umunsi wa gatatu yagenze

Taliki 13 kugeza 15 Nzeri 2022 hakinwe imikino y'umunsi wa gatatu ya shampiyona y'icyiciro cya mbere mu bagabo "Rwanda Primus National League 2022-2023".

Mu mikino yabaye nta bwo harimo umukino wa APR FC na Police ndetse n'uwagombaga guhuza ikipe AS Kigali na Musanze FC. Aya makipe yombi, APR FC na AS Kigali ari mu mikino y'Afurika.

**Uko imikino yagenze**

**Taliki 13-09-2022**
- Gasongi United 1-0 Bugesera FC
- Etincelles FC 2-1 Sunrise FC

**Taliki 14-09-2022**
- Rayon Sports 2-0 Rwamagana City FC

**Taliki 15-09-2022**
- Espoir FC 0-2 Mukura
- Gorilla FC 1-2 Kiyovu
- Rutsiro FC 1-1 Marines FC



*Ikipe ya Kiyovu Sports FC ikina na Gorilla FC*



*Ikipe ya Rayon Sports ikina na Rwamagana City FC*

## **Football:** Uko amakipe ahagarariye u Rwanda yitwaye mu mikino ibanza y'Afurika

Ikipe ya APR FC ihagarariye u Rwanda mu mikino y'Afurika y'amakipe yabaye aya mbere iwayo "TotalEnergies CAF Champions League 2022-2023" yitwaye neza itsinda ikipe ya US Monastir yo muri Tunizia mu mukino ubanza.

Uyu mukino wabereye mu Rwanda kuri Sitade mpuzamahanga ya Huye taliki 10 Nzeri 2022. Ikipe ya APR FC yitwaye neza itsinda US Monastir igitego 1-0 cyatsinzwe na Mugunga Yves ku munota wa 18.

Nyuma yo kwitwara neza mu mukino ubanza, ikipe ya APR FC iri i Monastir muri Tunizia aho taliki 18 Nzeri 2022 izakina na US Monastir umukino wo kwishyura uzabera kuri Sitade Mustapha Ben Jannet.

Ikipe izitwara neza igakomeza izahura mu cyiciro cya kabiri n'ikipe ya Al Ahly yo mu Misiri.

Ku rundi ruhande, ikipe ya AS Kigali ihagarariye u Rwanda mu mikino y'Afurika y'amakipe yitwaye neza iwayo "TotalEnergies CAF Confederation Cup 2022-2023" yanganyije na ASAS Télécom yo muri Djibouti mu mukino ubanza wabaye taliki 10 Nzeri 2022 ubera kuri Sitade El Hadj Hassan Gouled Aptidon.

Ikipe ya AS Kigali yanganyije na ASAS Télécom 0-0. Taliki 18 Nzeri 2022 ni bwo hazaba umukino wo kwishyura uzabera kuri Sitade mpuzamahanga ya Huye. Nyuma y'uyu mukino wo kwishyura, ikipe izitwara neza igakomeza mu cyiciro cya kabiri izahura n'ikipe ya Al-Nasr Benghazi yo muri Libiya.

Ku rundi ruhande, ikipe ya AS Kigali ihagarariye u Rwanda mu mikino y'Afurika y'amakipe yitwaye neza iwayo "TotalEnergies CAF Confederation Cup 2022-2023" yanganyije na ASAS Télécom yo muri Djibouti mu mukino ubanza wabaye taliki 10 Nzeri 2022 ubera kuri Sitade El Hadj Hassan Gouled Aptidon.

Ikipe ya AS Kigali yanganyije na ASAS Télécom 0-0. Taliki 18 Nzeri 2022 ni bwo hazaba umukino wo kwishyura uzabera kuri Sitade mpuzamahanga ya Huye. Nyuma y'uyu mukino wo kwishyura, ikipe izitwara neza igakomeza mu cyiciro cya kabiri izahura n'ikipe ya Al-Nasr Benghazi yo muri Libiya.





# **Basketball:** REG BBC yegukanye igikombe mu bagore, Patriots na REG BBC zisigaje undi mukino

Ikipe ya REG BBC mu bagore yegukanye igikombe cya shampiyona ya Basketball y'u Rwanda "Rwanda Basketball League 2021-2022" nyuma yo kwitwara neza mu mikino ya "Playoffs 2022" aho yatsinze ikipe ya APR BBC imikino 3-1.

Ku mugoroba wo ku wa Gatatu taliki 14 Nzeri 2022 ni bwo habaye umukino wa wa 4 wa "Playoffs 2022" wahuje ikipe ya REG BBC na APR BBC.

Muri uyu mukino, ikipe ya REG BBC yitwaye neza itsinda APR BBC amanota 63 kuri 54. Ikipe ya REG BBC na APR BBC zanganyije agace ka mbere, amanota 16 kuri 16, REG BBC yatsinze akace ka kabiri n'aka gatatu ku manota 20 kuri 19 na 19 ku 10 hanyuma agace ka 4, APR BBC itsinda amanota 9 ku 8.

Nyuma yo gutsinda uyu mukino, ikipe ya REG BBC yahise yegukana igikombe cya shampiyona itsinze APR BBC imikino 3-1. Iyi kipe yisubije igikombe cya shampiyona kuko n'umwaka ushize wa 2020-2021 yari yegukanye iki gikombe itsinze The Hoops imikino 2-1. Ikipe ya REG BBC yahawe igikombe na sheki ya miliyoni 10 z'amafaranga y'u Rwanda.




*Ikipe ya REG BBC mu bagore ishyikirizwa igikombe na Minisitiri wa Siporo Hon. Aurore Mimosa Munyangaju arikumwe n'Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ingufu REG Bwana Ron Weiss.*

**Mu bagabo, Patriots BBC na REG BBC zigiye gukina umukino wa 5**

Ikipe ya Patriots BBC na REG BBC zigomba gukina umukino wa nyuma wa 5 kugira ngo hamenyekane ikipe izegukana igikombe cya shampiyona "Rwanda Basketball League 2021-2022".

Mu mukino wa 4 wa "Playoffs 2022" wabaye ku wa Gatatu taliki 14 Nzeri 2022, ikipe ya Patriots BBC yitwaye neza itsinda REG BBC amanota 78 kuri 62 bituma aya makipe anganya imikino 2 kuri 2 ari yo mpamvu hagomba gukinwa umukino wa 5 kugira ngo ikipe izabasha gutsinda ari yo yegukana igikombe.

Nyuma y'umukino wa nyuma wa 4 muri "Playoffs 2022", ikipe ya Patriots BBC na REG BBC ziranganya imikino 2 kuri 2, bikaba iteganyijwe ko ku Cyumweru taliki 18 Nzeri 2022 ari bwo hazaba umukino wa nyuma wa 5 guhera saa moya (19h00). Ikipe izitwara neza igatsinda ni yo izahita yegukana igikombe.



*Patriots BBC ikina na REG BBC*



*Ikipe ya Patriots BBC*



*Ikipe REG BBC*

**Uko imikino ya "Playoffs 2022" yagenze**

**Mu bagore**

**Taliki 07-09-2022**
- REG BBC 60-57 APR BBC

**Taliki 10-09-2022**
- APR BBC 65-58 REG BBC

**Taliki 11-09-2022**
- REG BBC 71-44 APR BBC

**Taliki 14-09-2022**
- APR BBC 25-63 REG BBC

**Mu bagabo**

**Taliki 07-09-2022**
- Patriots BBC 75-70 REG BBC

**Taliki 10-09-2022**
- REG BBC 79-70 Patriots BBC

**Taliki 11-09-2022**
- Patriots BBC 75-82 REG BBC

**Taliki 14-09-2022**
- REG BBC 62-78 Patriots BBC

**Taliki 18-09-2022**
- Patriots BBC-REG BBC (BK Arena-19h00)

## 4 **Athletics:** Ikipe ya APR AC na Sina Gérard AC zegukanye shampiyona y'imikino Ngororamubiri

Ku Cyumweru taliki ya 11 Nzeri 2022 mu Karere ka Bugesera kuri Sitade hongeye kubera shampiyona y'imikino ngororamubiri "National Track and Field Senior Championship 2022"mu bagabo n'abagore.

Amakipe 13  niyo yitabiriye iyi shampiyona mu mikino itandukanye irimo nko kwiruka mu ntera zitandukanye, gusimbuka, gutera ingasire, gutera umuhunda ndetse no gutera icumu.

Mu bagore mu gusiganwa metero 100, Uwiringiyimana Noella niwe wabaye uwa mbere akoresheje amasegonda 13"35", akurikirwa na Niyonsaba Thabita mu gihe Twizerimana Seraphine yabaye uwa gatatu.

Mu bagabo, Ntwari Jacques niwe wabaye uwa mbere akoresheje amasegonda 11"34" akurikirwa na Tuyishime Eric wakoresheje 11"35" naho Mushimiyimana Pascal aba uwa gatatu.

Mu bagore mu gusiganwa ku ntera ya metero 200, Uwiringiyimana Noella na bwo niwe wabaye uwa mbere akoresheje amasegonda 27"26" akurikirwa na Tuyishimire Claudine, Niyonsaba Thabita aba uwa gatatu. Mu bagabo, Mpawumugisha Emmanuel ni we wabaye uwa mbere akoresheje amasegonda 23"28", Ugeziwe Dieudonné aba uwa kabiri naho Manishimwe Valens aba uwa gatatu.

Mu basiganwa metero ibihumbi 10000 mu bagore, Yankurije Marthe niwe wabaye uwa mbere akoresheje iminota 36, Mbarushimana J. d'Arc aba uwa kabiri naho Mukansabyemariya Agnes aba uwa gatatu. Mu bagabo Hakizimana John ukinira ikipe ya APR AC niwe wabaye uwa mbere akoresheje iminota 29 n'amasegonda 50"25", Dushimirimana Gilbert aba uwa kabiri naho Sebahire Eric aba uwa gatatu.

Kwiruka metero ibihumbi 5000 mu bagabo, Nimubona Yves yabaye uwa mbere akoresheje iminota 13, amasegonda 41"32", Nkundumuremyi Célestin yabaye uwa kabiri, naho Manirafasha Primien aba uwa gatatu. Mu bagore, Musabyeyezu Emelienne niwe wabaye uwa mbere akoresheje iminota 16 n'amasegonda 21, akurikirwa na Manizabayo Céline naho Tuyambaze Thabita aba uwa gatatu.

Mu gusimbuka cyane mu bagabo, Nshimiyimana Alexis (Nyamasheke AC) yabaye uwa mbere asimbutse intera ingana na Metero 6, akurikirwa na Ugeziwe Dieudonné, Bitwayiki Jean D'Amour aba uwa gatatu.

Mu bagabo ikipe ya APR niyo yabaye iya mbere aho yegukanye imidari 5 ikurikirwa na Nyamasheke AC n'imidari 4, UR Huye iba iya gatatu n'imidari 3. Mu cyiciro cy'abagore, ikipe ya Sina Gérard AC yongeye kwegukana imidari myinshi kurusha abandi aho yegukanye imidari 6, ikurikirwa na Nyamasheke n'imidari 5 naho UR Huye iba iya gatatu n' imidari 4.
Amarushanwa atandukanye ategurwa n'ishyirahamwe ry' imikino ngororamubiri mu Rwanda "RAF" yimukiye muri aka Karere ka Bugesera nyuma yaho Sitade Amahoro hatangiye imirimo yo kuyivugurura no kuyagura.







# **ARPST:** MoD na RwandAir zageze mu mikino ya ½

Ku wa Gatanu taliki 9 Nzeri 2022 hatangiye imikino ya ¼ na 1/2 muri shampiyona y'abakozi "ARPST League2022". Amakipe yose azajya akina imikino ibanza n'iyo kwishyura muri buri cyiciro (1/2 na ¼).

Mu mupira w'amaguru, ikipe ya RwandAir FC ifashijwe na Thierry, Habiyaremye, Bonane na Dieudonné yatsinze RSSB FC ibitego 6-0, MoD FC itsinda RBA FC 2-0, RBC itsinda REG FC 7-1, mu gihe RMS yatsinzwe n'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare (NISR) ibitego 6-1.

**Basketball**

- RwandAir 76-58 MoD
- IPRC-Kigali 64-49 RMB
- WASAC 68-39 UR

**Volleyball**

- Primature 3-0 RAB

Imikino yo kwishyura ya ½ na ¼ biteganyijwe ko izaba kuri uyu wa Gatanu taliki 16 no ku wa Gatandatu taliki 17 Nzeri 2022.

**Taliki 16-09-2022**

**Imikino ya ¼ yo kwishyura iteganyijwe**

**Football**

- RBA-MoD (Utexrwa-15h30)
- RMS-NISR (Ruyenzi-14h00)
- RwandAir-RSSB (Ndera-15h30)
- REG-RBC (Ruyenzi-16h00)

**Football (Catégorie B), imikino ibanza ya ½**

- RMB-MININFRA (CSK-15h30)
- IPRC-Kigali-RISA (IPRC Kigali-15h30)

**Volleyball (Catégorie A), imikino ibanza ya ½**

- WASAC-MoD (CSK-15h30)
- RwandAir-MOH (UR CST-15h30)

**Volleyball (Catégorie B), umukino wo kwishyura wa ½**

- RAB-Primature (SFB-15h30)

**Taliki 17-09-2022**

**Ibigo by'abikorera (Imikino ya ½)**

**Basketball**

- STECOL-BK (STECOL-10h00)
- HIS-BPR (CSK-10h00)



RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera–Hallmark Center Building KG 17 Ave